NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# ITANGAZO KU NGENDO Z'ITAHA RY'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo n'igihe cy'ibiruhuko by'abanyeshuri yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA ) kiramenyesha abayobozi b'amashuri , abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira kujya mu biruhuko bisoza igihembwe cya mbere guhera **ku wa 20/12/2021 kugeza ku wa 22/12/2021**. Ni muri urwo rwego, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kimenyesha ibigo by'amashuri n'abanyeshuri biga bacumbika ko gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa Mbere, tariki ya 20 Ukuboza 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Huye, Gisagara, Kamonyi **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Nyamasheke, Rusizi mu **Ntara y'Iburengerazuba.**
- Bugesera , Rwamagana mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Kabiri, tariki ya 21 Ukuboza 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Ruhango, Nyamagabe na Nyaruguru mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Rubavu, Rutsiro, Karongi mu **Ntara y'Iburengerazuba.**
- Musanze , Burera **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Ngoma, Kirehe mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Gatatu, tariki ya 22 Ukuboza 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Gakenke , Rulindo, Gicumbi mu **Ntara y'amajyaruguru**
- Nyagatare , Gatsibo , Kayonza mu **Ntara y'Iburasirazuba**
- Nyanza , Muhanga mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Nyabihu, Ngororero mu **Ntara y'Iburengerazuba**

**ICYITONDERWA:**

- Abayobozi b'ibigo by'amashuri barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bashaka imodoka hakiri kare mbere y'uko itariki yo gutaha igera, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere mu miryango yabo butarira kandi bambaye umwambaro w'ishuri.

- Ababyeyi barasabwa guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza mu rugo;

NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY (NESA)

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gucyura abanyeshuri no gukurikirana ko abayobozi b'amashuri baguriye abana amatike y'urugendo ku gihe ;

- Abanyeshuri bose barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda icyorezo cya COVID-19 mu gihe cy' ingendo no ku mashuri harimo kwambara neza agapfukamunwa;

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri Stade ya ULK/Gisozi zibajyana mu miryango yabo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 13 Ukuboza 2021

NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY (NESA)

**BAHATI Bernard**
Umuyobozi Mukuru